REPUBULIKA Y'U RWANDA
URUKIKO RWISUMBUYE

RWA RUSIZI
B P 44 RUSIZI.

**INYANDIKO IHINNYE IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA RP 00045/2020/TGI/RSZ Y'UWATOROTSE CYANGWA WIHISHE UBUTABERA**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 08, ukwezi kwa MUTARAMA ;

Twebwe MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI, tumaze kubona urubanza **RP 00045/2020/TGI/RSZ** – ubushinjacyaha buregamo NSHIMYUMUKIZA Erasto, NIYONKURU na NDAYIENGA Samuel, icyaha cy'ubujura bukoreshejwe kiboko, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa 'ingingo ya 168 y'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riiteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

**Urubanza rwaciwe n'uru Rukiko Rwisumbuye kuwa 09/12/2020;**

Duteguye iyi nyandiko ihinnye y'urubanza RP 00045/2020/TGI/RSZ, rwa:

- NSHIMYUMUKIZA Eraston ni mwene MUGEMANA Daniel na MUTUNGIREHE Josephine, yavutse mu mwaka wa 1997, avukira mu mudugudu wa Gasharu, akagari ka Gatare, umurenge wa Macuba, mu karere ka Nyamasheke, akaba ari naho atuye, akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera

-NIYONKURU ni mwene SINUMVAYABO Simon na NYIRANDAMAGE Consolee, yavutse mu mwaka wa 1996, avukira mu mudugudu wa Murama, akagari ka Gatare, umurenge wa Macuba, mu karere ka Nyamasheke, akaba ari naho atuye, akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera

ku buryo bukurikira:

Rwemeje ko Nshimyumukiza Erasto na Niyonkuru bombi bahamwa n'icyaha cy'ubujura bukoreshejwe kiboko;.

Rwemeje ko Ndayisenga Samuel ahamwa no kuba icyitso mu cyaha cy'ubujura bukoreshejwe kiboko.

Ruhanishije Nshimyumukiza Erasto na Niyonkuru igifungo cy'imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000Frws);

Ruhanishije Ndayisenga Samuel igifungo cy'imyaka ibiri (2).

Rutegetse Nshimyumukiza Erasto, Niyonkuru na Ndayisenga Samuel gufatanya gutanga amafaranga 20.000Frws y'amagarama y'uru rubanza.

ABAMENYESHEJWE: - NSHIMYUMUKIZA Erasto

NIYONKURU
MUKARUGWIZA Judith
UMWANDITSI W'URUKIKO UTEGUYE IYI NYANDIKO